Umwaka wa 45 n° idasanzwe
yo kuwa 10 Werurwe 2006

Year 45 n° special
of 10 March 2006

45ème Année n°spécial
du 10 mars 2006

Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda	Official Gazette of the Republic of Rwanda	Journal Officiel de la République du Rwanda

Ibirimo/Summary/Sommaire

Itegeko/Law/Loi

N° 11/2006 ryo kuwa 10/03/2006
Itegeko Ngenga rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga n° 02/2004 ryo kuwa 20/03/2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'inama nkuru y'ubucamanza……..

N° 11/2006 of 10/03/2006
Organic Law modifying Organic Law n°02/2004 0f 20/03/2004, determining the organisation, powers and functioning of the superior council of judiciary……...

N°11/2006 du 10/03/2006
Loi Organique modifiant et complétant la Loi Organique n° 02/2004 du 20/03/2004 portant organisation, compétence et fonctionnement du conseil supérieur de la magistrature…….

ITEGEKO NGENGA N°11/2006 RYO KUWA 10/03/2006 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO NGENGA N° 02/2004 RYO KU WA 20/03/2004 RIGENA IMITERERE, UBUBASHA N'IMIKORERE BY'INAMA NKURU Y'UBUCAMANZA

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO :

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 6 Werurwe 2006;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo ku wa 7 Werurwe 2006;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04/06/2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 88, iya 90, iya 93, iya 108, iya 118, iya 142, iya 157, iya 158, iya 195, n'iya 201;

Isubiye ku Itegeko ngenga n° 02/2004 ryo ku wa 20/03/2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'Inama Nkuru y'Ubucamanza, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere n'iya 30;

YEMEJE :

<u>Ingingo ya mbere</u> :

Ingingo ya mbere y'Itegeko ngenga n° 02/2004 ryo ku wa 20/03/2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'Inama Nkuru y'Ubucamanza ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Inama Nkuru y'Ubucamanza igizwe n'aba bakurikira :

1° Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, ari nawe ushinzwe kuyiyobora;
2° Visi-Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga;
3° Umucamanza umwe mu Rukiko rw'Ikirenga utorwa na bagenzi be;
4° Perezida w'Urukiko Rukuru rwa Repubulika;
5° Umucamanza umwe wo mu Rukiko Rukuru rwa Repubulika utorwa na bagenzi be;
6° Abacamanza batanu (5) bo mu Nkiko Zisumbuye batorwa na bagenzi babo;
7° Abacamanza batanu (5) bo mu Nkiko z'Ibanze batorwa na bagenzi babo;
8° Abayobozi babiri (2) b'amashami y'amategeko muri za Kaminuza zemewe batowe na bagenzi babo;
9° Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu;
10° Umuvunyi Mukuru."

<u>Ingingo ya 2</u> :

Ingingo ya 30 y'Itegeko ngenga n° 02/2004 ryo ku wa 20/03/2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'Inama Nkuru y'Ubucamanza ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Inama Nkuru y'Ubucamanza yariho ikomeza imirimo yayo kugeza igihe iri tegeko ngenga ritangarijwe.

Mu gihe iri tegeko ngenga rizaba rimaze gutangazwa, Inama Nkuru y'Ubucamanza yemerewe guterana hatubahirijwe ibivugwa mu ngingo ya 15, igika cya mbere, y'Itegeko ngenga n° 02/2004 ryo ku wa 20/03/2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'Inama Nkuru y'Ubucamanza kugeza igihe hazatorerwa abacamanza bahagarariye abo mu Nkiko z'Ibanze n'abo mu Nkiko Zisumbuye. Muri icyo gihe Inama Nkuru y'Ubucamanza iterana igizwe n'aba bakurikira :

1° Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, ari nawe uyitumiza akanayiyobora;
2° Visi-Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga;
3° Umucamanza umwe mu Rukiko rw'Ikirenga utorwa na bagenzi be;
4° Perezida w'Urukiko Rukuru rwa Repubulika;
5° Umucamanza umwe wo mu Rukiko Rukuru rwa Repubulika utorwa na bagenzi be;
6° Abayobozi babiri (2) b'amashami y'amategeko muri za Kaminuza zemewe batowe na bagenzi babo;
7° Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu;
8° Umuvunyi Mukuru.

Mu mirimo y'ingenzi igomba gukorwa harimo:

1° ishyirwaho ry'abacamanza bo mu Nkiko z'Ibanze n'abo mu Nkiko Zisumbuye;
2° itoresha ry'abahagarariye abacamanza bo mu Nkiko z'Ibanze n'abo mu Nkiko Zisumbuye bahagararira bagenzi babo mu Nama Nkuru y'Ubucamanza."

Ingingo ya 3 :

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri tegeko ngenga kandi zinyuranye na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 4 :

Iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera ku wa 08 Ukuboza 2005.

Kigali, kuwa 10/03/2006

Perezida wa Repubulika
KAGAME Paul
(sé)

Minisitiri w'Intebe
MAKUZA Bernard
(sé)

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo
BUMAYA André Habib
(sé)

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

ORGANIC LAW N°11/2006 OF 10/03/2006 MODIFYING ORGANIC LAW N° 02/2004 0F 20/03/2004, DETERMINING THE ORGANISATION, POWERS AND FUNCTIONING OF THE SUPERIOR COUNCIL OF JUDICIARY

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED, AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW, AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of March 6, 2006;

The Senate, in its session of March 7, 2006 ;

Given the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date, especially in its articles 62, 88, 90, 93, 108, 118, 142, 157, 158, 195 and 201;

Revisited the organic law n◦ 2/2004 of 20/03/2004, determining the organization, powers and functioning of the Superior Council of Judiciary, especially in its articles one and 30;

ADOPTS:

Article one:

Article one of the organic law n° 2/2004 of 20/03/2004, determining the organization, powers and functioning of the Superior Council of Judiciary, is modified and complemented as follows:

"The Superior Council of Judiciary shall be composed of the following members:

1° the President of the Supreme Court, who is also the Chairperson;
2° the Vice President of the Supreme Court;
3° one Judge of the Supreme Court elected by his or her peers;
4° the President of the High Court of the Republic;
5° one Judge of the High Court elected by his or her peers;
6° five (5) Judges of Higher Instance Courts elected by their peers;
7° five (5) Judges of the Lower Instance Courts elected by their peers;
8° two (2) Deans of Faculties of Law from recognized universities elected by their peers;
9° the President of the National Commission of Human Rights;
10° the Ombudsman."

Article 2:

Article 30 of the organic law n◦ 02/2004 of 20/3/2004 determining the organization, powers and functioning of the Superior Council of Judiciary is modified and complemented as follows:

"The existing Superior Council of Judiciary shall continue with its responsibilities until when this organic law is published.

After this organic law is published, the Superior Council of Judiciary shall meet as of right without respecting provisions of article 15, paragraph one of organic law n◦ 02/2004 of 20/03/2004 determining the organization, powers and functioning of the Superior Council of Judiciary until the election of judges representing those of Lower and Higher Instance Courts. During that time, the Superior Council of Judiciary shall meet and it shall be composed of the following:

1◦ the President of the Supreme Court who shall convene and direct it;
2◦ the Vice President of the Supreme Court;
3◦ one Judge of the Supreme Court elected by his or her peers;

4◦ the President of the High Court of the Republic;
5◦ one Judge of the High Court of the Republic elected by his or her peers;
6◦ two (2) Deans of Faculties of Law from recognized universities elected by their peers;
7◦ the President of the National Commission of Human Rights;
8◦ the Ombudsman.

Among the major duties to be performed, there shall be:

1° the appointment of the Judges of Lower and Higher Instance Courts;
2° the organization of the elections of representatives of Judges of Lower and Higher Instance Courts representing their peers in the Superior Council of Judiciary".

Article 3:

All previous legal provisions contrary to this organic law are repealed.

Article 4:

This organic law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It shall be effective as from December 8, 2005.

Kigali, on 10/03/2006

The President of the Republic
KAGAME Paul
(sé)

The Prime Minister
MAKUZA Bernard
(sé)

The Minister of Justice
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

The Minister of Finance and Economic Planning
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

The Minister of Public Service and Labor
BUMAYA André Habib
(sé)

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

The Minister of Justice
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

LOI ORGANIQUE N°11/2006 DU 10/03/2006 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI ORGANIQUE N° 02/2004 DU 20/03/2004 PORTANT ORGANISATION, COMPETENCE ET FONCTIONNEMENT DU CONSEIL SUPERIEUR DE LA MAGISTRATURE

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République**;**

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI ORGANIQUE DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 6 mars 2006 ;

Le Sénat, en sa séance du 7 mars 2006 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 4 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 88, 90, 93, 108, 118, 142, 157, 158, 195 et 201;

Revu la Loi Organique n° 02/2004 du 20/03/2004 portant organisation, compétence et fonctionnement du Conseil Supérieur de la Magistrature, spécialement en ses articles premier et 30;

ADOPTE :

Article premier :

L'article premier de la Loi Organique n° 02/2004 du 20/03/2004 portant organisation, compétence et fonctionnement du Conseil Supérieur de la Magistrature est modifié et complété comme suit :

« Le Conseil Supérieur de la Magistrature est composé de personnes ci-après :

1° le Président de la Cour Suprême, qui en est le Président;
2° le Vice- Président de la Cour Suprême;
3° un Juge de la Cour Suprême élu par ses pairs;
4° le Président de la Haute Cour de la République;
5° un Juge de la Haute Cour de la République élu par ses pairs;
6° cinq (5) Juges des Tribunaux de Grande Instance élus par leurs pairs;
7° cinq (5) Juges des Tribunaux de Base élus par leurs pairs;
8° deux (2) Doyens des Facultés de Droit des Universités agréées élus par leurs pairs;
9° le Président de la Commission Nationale des Droits de la Personne;
10° l'Ombudsman.»

Article 2 :

L'article 30 de la Loi Organique n° 02/2004 du 20/03/2004 portant organisation, compétence et fonctionnement du Conseil Supérieur de la Magistrature est modifié et complété comme suit:

« Le Conseil Supérieur de la Magistrature actuel reste en fonction jusqu'à la publication de la présente loi organique.

Après la publication de la présente loi organique et nonobstant les dispositions de l'article 15, alinéa premier de la Loi Organique n°02/2004 du 20/03/2004 portant organisation, compétence et fonctionnement du Conseil Supérieur de la Magistrature, le Conseil Supérieur de la Magistrature se réunit valablement jusqu'à ce que soient élus les représentants des juges des Tribunaux de Base et de Grande Instance au Conseil Supérieur de la Magistrature. Pendant cette période, le Conseil Supérieur de la Magistrature se réunit en présence des personnes suivantes :

1° le Président de la Cour Suprême, qui le convoque et en assure la Présidence;
2° le Vice-Président de la Cour Suprême ;

3° un Juge de la Cour Suprême élu par ses pairs ;
4° le Président de la Haute Cour de la République ;
5° un Juge de la Haute Cour de la République élu par ses pairs;
6° deux (2) Doyens des facultés de droit dans des Universités agréées élus par leurs pairs ;
7° le Président de la Commission Nationale des Droits de la Personne;
8° l'Ombudsman.

Parmi les principales matières à examiner figurent notamment:

1° la nomination des juges des Tribunaux de Base et de Grande Instance;
2° l'organisation des élections des Juges des Tribunaux de Base et de Grande Instance représentants leurs pairs au Conseil Supérieur de la Magistrature.»

Article 3 :

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi organique sont abrogées.

Article 4 :

La présente loi organique entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Elle sort ses effets à partir du 08 décembre 2005.

Kigali, le 10/03/2006

Le Président de la République
KAGAME Paul
(sé)

Le Premier Ministre
MAKUZA Bernard
(sé)

Le Ministre de la Justice
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

Le Ministre des Finances et de la Planification Economique
Prof. NSHUTI Manassseh
(sé)

Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail
BUMAYA André Habib
(sé)

Vu et scellé du Sceau de la République :

Le Ministre de la Justice
MUKABAGWIZA Edda
(sé)